



National Bank of Rwanda

Banki Nkuru y'u Rwanda

KN 6 Av.4/P.O. Box 531 Kigali-Rwanda
Tel: (+250) 788199000 /
Website: www.bnrrw /
E-mail: info@bnrrw /
Swiftcode: BNRWRWRW /
Twitter: @CentralBankRw

The Governor

ITANGAZO

KUGARURA IKIGUZI CYO GUHEREREKANYA AMAFARANGA HAKORESHEJWE UBURYO BW'IKORANABUHANGA.

Isubiye ku Itangazo ryayo ryo ku wa 18 Werurwe 2020 ryashyizeho igihe cy'amezi atatu (3) cyatangiye ku wa 19 Werurwe 2020, cyo guhererekanya amafaranga nta kiguzi gitangwa:

- mu gihe umuntu akura amafaranga kuri konti iri muri banki ayashyira kuri konti ya *Mobile Money*, cyangwa ayakura kuri *Mobile Money* ayohereza kuri konti ye muri banki;
- mu guhererekanya amafaranga hakoreshejwe *Mobile Money*;
- mu kwishyura ibicuruzwa na serivisi hakoreshejwe imiyoboro y'ibigo by'itumanaho (*Mobile and Virtual POS*);

Imaze kubona ko icyo gihe cy'iminsi 90 kirangiye kandi ko ari na ngombwa gukomeza gushygikira ukudahungabana kw'imari mur'izo serivisi nkenerwa;

Banki Nkuru y'u Rwanda (BNR) iramenyesha Abantu bose ko ikiguzi gitangwa kuri izo serivisi kizongera gushyirwaho kuva ku wa 22 Kamenya 2020.

BNR kandi yongeye kwibutsa abantu bakora ibikorwa by'ubucuruzi n'abandi bose bafite ibyo bagurisha ko basabwa gukomeza guhitamo uburyo bwo kwishyurwa hakoreshejwe ikoranabuhanga. Ikanashishikariza abantu bose kandi gukomeza gukoresha ubwo buryo bw'ikoranabuhanga mu kwishyura ibicuruzwa na serivisi ndetse no mu guhererekanya amafaranga.

BNR irizeza ko izakomeza gukorana n'izindi nzego za Leta, ibigo bitanga izo serivisi n'abandi bafatanyabikorwa kugira ngo inzitizi zibangamira guhererekanya amafaranga hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga zikemuke; aha twavuga nk'inzitizi zerekeye ibikorwaremezo, izerekeye ikiguzi cya serivisi, izerekeye ubukangurambaga, izerekeye imikorere inoze ndetse n'izijyanye no guhangwa ibishya (*innovation*).

Bikorewe i Kigali kuwa 18 Kamenya 2020.

